**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU NAMA Y'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA MURI *HILLTOP HOTEL/*REMERA KU WA 17 MUTARAMA 2018**

Bwana Perezida w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga;

Bayobozi mwaje muhagarariye inzego twatumiye muri iyi nama;

Bahesha b'Inkiko b'Umwuga mwese muteraniye hano;

Mbanje kubasuhuza mbifuriza ibihe byiza.

Mbere na mbere turashimira Abahesha b'Inkiko b'umwuga bitabiriye iyi nama, Ubuyobozi bw'Urugaga rwabo bwagize uruhare mu kubatumira n' Ubuyobozi bw'inzego zohereje abazihagarariye muri iyi nama;

Inama y'uyu munsi igamije kungurana ibitekerezo ku cyatuma umurimo w'Abahesha b'Inkiko urushaho kunozwa, bityo service z'ubutabera zitangwa nabo zikagenda neza;

Inama nk'iyi ihuriza hamwe Abahesha b'Inkiko b'Umwuga ifite akamaro ntagereranywa mu kubaka Ubutabera muri rusange, by'umwihariko ku Bahesha b'Inkiko b'Umwuga ituma bongera ubumenyi bushingiye ku

kungurana ibitekerezo mu mikorere yabo mu kazi bakora ka buri munsi no ku mpanuro bahabwa n’Abayobozi mu Nzego zinyuranye;

Minisiteri y'Ubutabera nk'Urwego rwa Leta rukurikirana imikorere y'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga ifite intego yo kuzamura uru rwego ngo rugere ku ntambwe ishimishije ijyanye n'icyerekezo u Rwanda rwihaye binyuze muri gahunda zitandukanye za Leta ziteza imbere abanyarwanda binyuze mu Butabera;

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari, ku bufatanye n'Imiryango itanga Ubufasha mu by'amategeko, Minisiteri y'Ubutabera n'izindi Nzego za Leta zifite aho zihurira n'Ubutabera turategura “Icyumweru cyahariwe gutanga Ubufasha mu by'Amategeko *(Legal Aid Week)”* giteganyijwe guhera ku wa 22 kugeza ku wa 26 Mutarama 2018. Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga rukaba rugira uruhare rugaragara mu itegurwa ry'icyo Cyumweru no gushyira mu bikorwa gahunda ziba zateganyijwe, by’umwihariko izirebana n’irangizwa ry’imanza, mboneyeho umwanya wo kubibashimira.

Ndasaba Abahesha b'Inkiko b'umwuga mwitabiriye iyi nama ko ibabera umusemburo w'ibyo mukora byose ku mpande zombi yaba abatsinze murangiriza imanza cyangwa se abatsinzwe, kandi nkaba mbagira inama y'uko mubikuramo amasomo yabateza imbere.

Ku Bahesha b'Inkiko b'inyangamugayo bakora neza, turabashimira ubufatanye mudahwema kugaragariza Inzego mukorana nazo, mutanga serivise nk'uko amategeko abiteganya mwirinda guca ukubiri n'ubunyamwuga;

Minisiteri y'Ubutabera n'Ubuyobozi bw'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko ntibazahwema kubashyigikira babatera ingabo mu bitugu muri uyu murimo utoroshye ;

Ni muri urwo rwego nibutsa kandi nsaba Inzego zatumiwe muri iyi nama, ko zigomba kujya zorohereza Abahesha b’Inkiko zibakira zikabumva kandi zikabaha nta mananiza ubufasha bazikeneyeho buteganywa n’amategeko, mu gihe bakora imirimo ijyanye n’umwuga wabo;

Mu nama Minisiteri yagiye igirana n'Ubuyobozi bw'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko mu myaka yashize bagiye bagaragaza ko hari ikibazo kijyanye n'ibiciro by'imirimo y'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga, aho bagiye berekana ko ibiciro byariho mbere bitari bijyanye n'igihe tugezemo kandi bikaba bitari binahuye n'ibyari ku masoko;

Turishimira ko iki kibazo cyakemutse ku bufatanye bwa Minisiteri n'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko bikaba byaravuguruwe bikajyana n'igihe tugezemo, hakaba haratangajwe ibiciro bishya bizatuma Umuhesha w'Inkiko yuzuza inshingano ze yishimye;

Minisiteri y'Ubutabera nk'Urwego rwa Leta rukurikirana imikorere y'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga, izakomeza gushyigikira iterambere ryarwo kugira ngo rurusheho kwiteza imbere ruzamura n'Igihugu muri rusange. Urugaga na Minisiteri bazakomeza kandi gufatanya gukemura ibibazo bijyana n'imyitwarire y'Abahesha b'Inkiko, n'ibindi bikorwa biteza imbere Urugaga;

Bwana Perezida w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'umwuga;

Bayobozi bahagarariye Inzego zatumiwe muri iyi nama;

Bahesha b'Inkiko b'umwuga.

Mbasabye gukurikirana iyi nama, nizera ntashidikanya ko ibitekerezo biyitangirwamo birebana n'umwuga w'ubuhesha bw'Inkiko bikomeza kubaka ubutabera bubereye Igihugu cyacu.

Nsoza iri jambo, mboneyeho kubifuriza gukomeza kugira umwaka mushya muhire wa 2018, mwebwe n'imiryango yanyu uzababere uw'amahoro, iterambere n'ubuzima bwiza. Muzawugiremo imigisha myinshi.

Murakoze mugire inama nziza.